Republic of Rwanda

# NATIONAL AGRICULTURAL EXPORT DEVELOPMENT BOARD

NAEB

Kigali, ku wa 09 APR 2025
Ref.Nº 1042/KRF/TCD/04/025

**Madamu/Bwana Uwohereza ikawa mu mahanga (Bose)**
**Madamu/Bwana Nyir'uruganda rutunganya ikawa (Bose)**

**Impamvu: Kumenyesha amarushanwa y'ubwiza bw'ikawa "Best of Rwanda 2025"**

Madamu/Bwana,

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB), kiramenyesha abafatanyabikorwa bose bari mu ruhererekane nyongeragaciro rw'ikawa ko iri gutegura irushanwa ry'ubwiza bw'ikawa ryiswe **"Best of Rwanda 2025"** (BOR 2025) rigamije kumenyekanisha ubwiza bw'ikawa y'u Rwanda ku isoko mpuzamahanga, kuzamura ibiciro ikawa y'u Rwanda igurishwaho no kongera amafaranga abahinzi babona mu ikawa;

NAEB iboneyeho umwanya wo gusaba abahinzi b'ikawa, abayitunganya n'abayohereza mu mahanga kuzitabira iri rushanwa ry'ubwiza bw'ikawa riteganijwe muri Kamena no muri Nyakanga 2025. Impagararizi(samples) z'ikawa zizitabira irushanwa zizakirwa hagati y'amatariki ya **23 na 27 z'Ukwezi kwa Kamena 2025.**

Ikawa zizitabira irushanwa ni ikawa zo mu bwoko bw'ikawa yogeje neza ya *"fully washed"*, n'ikawa zitunganyije mu buryo bwihariye *"special process"*.

NAEB iboneyeho kandi gusaba abafatanyabikorwa bose bari mu ruhererekane nyongeragaciro rw'ikawa gukangurira no gufasha abahinzi kwitegura aya marushanwa kugira ngo azagende neza kandi ikawa zabo zizatsinde.

Amabwiriza arambuye agenga irushanwa n'ingengabihe yaryo, murabisanga ku mugereka w'iyi baruwa.

Mugire amahoro.

**BIZIMANA Claude**
**Umuyobozi Mukuru**

**Bimenyesheiwe:**

- Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi
- Umunyamabanga wa Leta, MINAGRI
- Umuyobozi w'Akarere (Bose)
- Umuyobozi wa CEPAR
- Umuyobozi wa RCCF

## GAHUNDA Y'AMARUSHANWA Y'UBWIZA BWA KAWA "BEST OF RWANDA" 2025

| Itariki | Igikorwa |
|---|---|
| MATA 1–KAMENA 22, 2025 | Gukangurira abahinzi n'inganda kwitegura no kwitabira amarushwa |
| KAMENA 23–27, 2025 | Inganda mu gihugu hose *kugeza samples/Echantillons* muri NAEB |
| KAMENA 24–NYAKANGA 2, 2025 | Gutunganya impagararizi (samples) zose zizaba zitabiriye amarushanwa |
| NYAKANGA 3–5, 2025 | Amahugurwa y'abasogongezi b'ikawa ku rwego rw'Igihugu |
| NYAKANGA 7–15, 2025 | Ijonjora ry'ibanze ry'amakawa azaba yitabiriye amarushanwa yose (pre-selection) ku rwego rw'Igihugu - muri laboratoire ya NAEB, i Kigali |
| NYAKANGA 16, 2025 | Gutanga ikawa zatambutse mu kiciro gikurikiyeho nyuma y'amajonjora y'ibanze |
| NYAKANGA 17–24, 2025 | Kugeza ikawa zose zatsinze amajonjora y'ibanze muri NAEB |
| NYAKANGA 28– 31, 2025 | Amarushanwa ku rwego rw'Igihugu (National Jury) |
| KANAMA 9–11, 2025 | Amarushanwa k'urwego mpuzamahanga (International Jury) |
| KANAMA 13, 2025 | Gutangaza, no gutanga ibihembo ku ikawa zatsinze irushanwa (award ceremony day) |
| UKWAKIRA 8, 2025 | Icyamunara cy'ikawa zizaba zatsinze "BEST OF RWANDA" 2025 kuri Internet – Live internet Auction |

NATIONAL AGRICULTURAL EXPORT DEVELOPMENT BOARD (NAEB)

**BIZIMANA Claude**
**Umuyobozi Mukuru**

## AMABWIRIZA AGENGA IRUSHANWA RY'UBWIZA BW'IKAWA
## "Best of Rwanda 2025"

Hagamijwe kunoza imitegurire n'imigendekere y'irushanwa ry'ubwiza bw'ikawa y'u Rwanda ry'umwaka wa 2025 (**Best of Rwanda 2025)** ategurwa n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka k'ubuhinzi n'ubworozi (NAEB) gifatanyije n'abafatanyabikorwa bari mu ruhererekane nyongeragaciro rw'ikawa ku rwego mpuzamahanga n'imbere mu Gihugu.

Hashyizweho amabwiriza akurikira agenga irushanwa ry'ubwiza bw'ikawa ry'umwaka wa 2025(**Best of Rwanda 2025)**.

### Igice cya mbere: Uko irushanwa riteguye.

1.1 Ika zizitabira irushanwa ry'ubwiza ni ikawa zatunganirijwe mu ruganda gusa, izo kawa ziri mu byiciro biri aribyo ikawa yogeje neza(Fully washed coffee) n'ikawa itunganyijwe ku buryo bwihariye(Special Processes).

1.2 Irushanwa rizaba mu byiciro bibiri aribyo icyiciro cyo ku rwego rw'ibanze(pre-selection), ku rwego rw'igihugu (National Jury) no ku rwego mpuzamahanga (International Jury).

1.3 Uruganda rwemewe na NAEB rukorana n'abahinzi mu gutegura ikawa izitabira irushanwa. Mu cyiciro cy'ibanze cy'irushanwa buri ruganda rutanga impagararizi ebyiri(two samples) z'ikawa zizitabira irushanwa (lots).

1.4 Ikawa itambutse icyiciro cy'ibanze (pre-selected lot) igezwa muri NAEB hakaba ariho zikomereza irushanwa.

### Igice cya 2: Amabwiriza yihariye y'irushanwa

2.1 Ikawa yatsinze icyiciro cy'ibanze ikagezwa muri NAEB niyo yonyine iyicunga, ikayigiraho ububasha kugeza irushanwa rirangiye cyangwa ikawa idakomeje mu cyiciro gikurikiyeho aho uruganda rusabwa guhita ruyitwara.

2.2 Iyo ikawa yazitsinze icyiciro cy'ibanze ikagezwa muri NAEB ntiyemerewe gukorwa mu irushanwa keretse gusa igihe itakomeje mu cyiciro gikurikiyeho.

2.3 Nta kawa izakirwa mu irushanwa nyuma y'ingengabihe yo kugeza muri NAEB impagararizi cyangwa ikawa yatsinze icyiciro cy'ibanze.

2.4 Nta mpagararizi cyangwa ikawa yatsinze icyiciro cy'ibanze ikazirwa mu gihe itujuje ibisabwa byagaragajwe mu gice cya gatatu cy'aya mabwiriza.

2.5 Ikawa zatoranyijwe (Triage) mu gihe cyo gutegura ikawa zisogongerwa cyangwa ikawa zigiye koherezwa ku baguzi zizakusanyirizwa hamwe zisubizwe ba nyirazo.

2.6 Uruganda rugomba gutanga amakuru ajyanye n'ikawa yitabiriye irushanwa igihe cyose ruyasabwe kandi ku gihe.

2.7 Nyuma ya buri cyiciro, NAEB izajya itangariza abitabiriye irushanwa(inganda zitunganya ikawa) uko icyo cyiciro cyagenze (cupping results).

**Igice cya 3: Ibisabwa kugirango uruganda rwitabire irushanwa**

3.1 Uruganda rwemewe na NAEB nirwo rwonyine rwemerewe kuzana ikawa mu irushanwa.

3.2 Uruganda ruzitabira irushanwa, rutanga impagararizi(sample) zitarenze ebyiri, impagararizi igomba kuba yujuje ibi bikurikira:
- Ibiro bitanu (5kg) ku ikawa y'amaganda(parchment)
- Ibiro Birindwi n'igice (7.5kg) ku ikawa yumye idatoneye (dried cherries).

3.3 Uruganda rwemewe kujyana mu irushanwa ubwoko ubwaribwo bwose rwihitiyemo ariko rukagaragaza uburyo iyo kawa yatunganyijwemo.

3.4 Impagararizi igomba kuba ihagarariye ikawa yateguriwe kwitabira irushanwa ingana n'imifuka hagati ya 10-20 y'ibiro 60 kuri buri mufuka ku ikawa y'amaganda n'imifuka hagati ya 15-30 y'ibiro 60 kuri buri mufuka ku ikawa yumye idatoneye.

3.5 Impagararizi ifatwa ku ikawa ishyizwe mu irushanwa. Aha buri ruganda rukaba rusabwa Kuzifatira "Samples/Echantillons" rukanazishyikiriza abakozi babishizwe muri NAEB bafatanyije n'ikigo cyigenga gicunga imigendekere myiza y'aya marushanwa (Private Audit law Firm) mu gihe cyagenwe.

3.6 Buri kawa yitabiriye irushanwa igomba kuba ifite urutonde rw'abahinzi bayigemuye n'ingano y'ikawe yagemuwe na buri muhinzi. Nta muhinzi wemerewe kugaragara ku rutonde inshuro irenze imwe.

3.7 Ikawa yitabira irushanwa igomba kuba ifite ubuhehere (moisture content) huri hagati y' 10-12%.

3.8 Iyo ikawa yinjiye mu irushanwa huzuzwa amafishi akurikira:
- Ifishi igaragaza iyakirwa ry'impagararizi (sample registration form)
- Ifishi igaragaza abahinzi bagemuye ikawa yitabiriye irushanwa
- Ifishi igaragaza ko uruganda rwiyemeje kubahiriza amabwiriza yose y'irushanwa (consent form)
-

3.9 Ikawa itambuka buri cyiciro, mu byiciro bitatu bigize iri rushanwa, igomba kuba ifite amanota guhera kuri 85 no kuzamuka mu cyiciro cy'amajonjora , 86 kuzamura ku cyiciro cyo ku rwego rw'igihugu na 87 kuzamuka mu byiciro bibiri byanyuma bisoza iri rushanwa.

**Igice cya 4: Kugurisha ikawa mu cyamunara no kuzohererereza abaguzi**

4.1 Ikawa izatsinda irushanwa izagurishwa hashingiwe ku masezerano ya cyamunara uhatanira kugura ikawa azabanza gusinya mbere yuko ahatana (bidder agreement).
4.2 Kohereza ikawa umuguzi bizakorwa hashingiwe ku masezerano y'icyamunara kandi nyir'ikawa zatsinze irushanwa agomba kubahiriza ibikubiye mu masezerano ya cyamunara.
4.3 Mu gihe bisabwe n'umuguzi, ikawa zirenze imwe zishobora guhuriza hamwe cyangwa ikawa imwe ikagabwamo ibice mbere yuko zoherezwa umuguzi cyangwa abaguzi.
4.4 Nyiri kawa yatsinze irushanwa azishyura ikiguzi cyo gutwara ikawa kugera ku cyambu(FOB, Dar Salam or Mombasa Port), cyangwa ku kibuga cy'indege (FOB, Kigali International Airport) ndetse no gushaka no kwishyura impapuro zose zikenewe kugirango ikawa yoherezwe hanze(clearing, declaration and export documents).

**Igice cya 5: Gusaranganya amafaranga azava mu ikawa zagurishwe kuri cyamunara**

Amafaranga azava mu ikawa zagurishijwe kuri cyamunara azasaranganywa hagati y'abahinzi, uruganda, ikigega cy'irushanwa (Best of Rwanda Fund) ku buryo bukurikira:

- Amafaranga atera ikigega cy'irushanwa angana na 30% y'amafaranga yose yaguzwe ikawa muri cyamunara.
- Uruganda rwishyurwa amadorari angana 12$/kg ahwanye n'ikiguzi cyo kuzigura, kuzitunganya no kuzohererereza umuguzi.
- Amafaranga asigaye nyuma yo gukuraho inkunga y'ikigega nay'uruganda asigaye asaranganywa hagati y'uruganda n'umuhinzi ku buryo umuhunzi atwara 75% byayo naho uruganda rugatwara 25% asigaye.

**Igice cya 6: Kubahiriza amabwiriza**

Aya mabwiriza agomba kubahirizwa mu ngingo zayo zose n'uwitabiriye irushanwa.

**BIZIMANA Claude**
**Umuyobozi Mukuru**